DGSL

DIRECTION GENERALE DU
MOUVEMENT COOPERATIF
C/o MIJEUCOOP
B.P. 1044 KIGALI.-

CR

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YAHUJE ABAKOZI B'UBUYOBOZI BUKURU BW'AMAKOPERATIVE KU ITALIKI YA 16 MUTARAMA 1986.-

Inama yatangiye saa munani n'iminota makumyabili n'itanu (14 H 25'); iyobowe n'Umuyobozi Mukuru wa za Koperative muli Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, Milita MBATEYE Tomasi.

Ku murongo w'ibyigwa hali ibi bikulikira :

- Ibyo buli mukozi ashinzwe (attributions).
- Programu muli 1986.
- Ibinyuranye (Divers).

---

Atangira inama, Umuyobozi Mukuru yibukije ko ku italiki ya 31 Ukuboza 1985 yagize ikiganiro n'abakozi bali bahali.
Icyo kiganiro cyali kigamije kwifulizanya umwaka muhire no kurebera hamwe ibyakozwe.
Muli icyo kiganiro hagaragaye ko akazi kose kagenze neza nk'uko byavuzwe n'umwe wavugiye abakozi.
Aliko yongeyeho ko ikitaragenze neza ali imikoreshereze y'imodoka. Ibyo bikaba byaragaragaye mu gihe cy'imvura iyo abategetsi bataha bagasiga abakozi babo ku kazi.
Yifuje ko igihe nk'icyo imodoka zajya zigeza abantu aho bisi zihagarara.
Kuli iki kibazo abali mu nama bemeranyije ko icyo kibazo kizigwa neza kikabazwa mu nama ya selire.

Ku byerekeye imodoka, Umubozi Mukuru yasabye abakozi ko bazajya bavuga programu bararanye igomba imodoka kugirango programu zishobora guhuzwa zihuzwe.
Yababwiye, arangiza, ko kugirango umwaka ube mwiza umuntu agomba kugira ubuzima bwiza no kubana n'abandi neza. Akaba abibifulije.

1, Imilimo ya buli mukozi :

Mu nama abakuru b'imilimo (chefs de service) bagize taliki ya 30 n'iya 31 Ukuboza 1985 bashyizeho ibyo buli mukozi agomba gukora. Mbere yuko inama yo kuwa 16 Mutarama 1986 itangira, buli mukozi yali afite inyandiko-mvugo y'iyo nama ya mbere.
Diregiteri Jenerali yasabye ufite ikibazo ko yabaza ahereye ku byanditse muli iyo nyandiko.
Hafi abakozi bose bumvaga neza akazi bashinzwe, habajijwe ibibazo byerekeye ikoreshwa ly'imashini.

./..

c) Risiturune mu makoperative

Muli iyi nama, hagaragaye ko muli uyu mwaka ali ngombwa gushimisha abanyamulyango.

Ingorane zagaragaye ni izi :

- abanyamulyango benshi : aha rero hagomba amakarita kugirango risiturune zitangwe. Izo karita zili mu nzira zo kuboneka.
- Kontabilite : amakoperative menshi ntakora kontabilite, ibyo bikaba byatera ingorane mu mibalire y'izo risiturune.

Aho abanyamulyango ali benshi, bagera kuli komini yose, baba baranditswe hakulikijwe za segiteri. Itangwa ly'izo risiturune lishobora nalyo gukulikiza izo segiteri.

Akanama kashyizweho kagomba kwiga ibyerekeye izo risiturune kasabwe kwihutisha imilimo yako. Hali aho izo risiturune zitangwa gashobora rero kureba uko bikorwa umuntu akaba yabiheraho.

Izo risiturune akamaro kazo ni ugukundisha abanyamulyango koperative yabo na bo bakumva ko hali icyo barusha abatayilimo.

d) Irushanwa mu makoperative (concours coopératif)

- Uko lizagenda : Amakoperative aziyandikisha kwa Ankadereri wa Perefegitura. Akore akanama ko kujonjora noneho yohereze lisiti ya za koperative zishobora gusurwa koko.
- Ingingo z'irushanwa (critères) : zizanononsorwa n'akanama kagomba kujyaho mu maguru mashya.
  Aha abantu bamwe bibajije niba hazarushanwa koperative dufitiye dosiye gusa cyangwa n'izindi zaba zikora neza.
  Inama yasanze koperative yose ikora neza yagombye kuba ifite dosiye yayo muli Ministeri bityo ikaba ikulikije amategeko.

Inama yarangije imilimo yayo saa kumi n'iminota icumi (16 H 10'), Milita MBATEYE Tomasi ashimira abakozi ubwitonzi bayikulikiranye n'uko bazitangira ibyayivugiwemo.

Umwanditsi:

MUGABO Jean-Pierre

Prezida:

MBATEYE Thomas